



Our Health  
Our Future

## ITANGAZO

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) buramenyesha abanyamuryango ba *Mituweli* bari mu *cyiciro cya mbere cy'ubudehe* ko guhera tariki ya 27 Werurwe 2017 basabwe kugana agashami ka *Mituweli* babarurirwamo kugirango amakarita yabo yongererwe agaciro k'umwaka wa 2017-2018.

Ubwobozi kandi, bushingiye ku itegeko n° 03/2015 ryo kuwa 02/03/2015 rigena imitunganyirize y'Ubwisungane mu kwivuza mu ngingo yaryo ya 7 iteganya ko 'Ubwisungane mu kwivuza bwishingira abagize urugo iyo bose batanze umusanzu mu bwisungane mu kwivuza keretse ufite ubundi bwishingizi bw'indwara'; buramenyesha ababyeyi bafite abana b'*abanyeshuli biga bacumbikiwe* ko amakarita yabo ya *Mituweli* atazongerwa gufatirwa ku mashuri ahubwo ko azajya afatirwa mu miryango iwabo.


Ababyeyi bavuzwe haruguru barashishikarizwa kwishyura umusanzu wa *Mituweli* w'umwaka wa 2017-2018 hakiri kare kugira ngo abo bana bazajye gutangira igihembwe cya kabiri tariki ya 16 Mata 2017 bitwaje amakarita yabo yongerewe agaciro kuko ibiruhuko by'icyo gihembwe bizatangira nyuma y'uko umwaka utaha wa *Mituweli* utangira.

Abanyamuryango ba *Mituweli* muri rusange barasabwa kwihutira kwishyura umusanzu no kongerasha agaciro amakarita yabo hakiri kare kugirango birinde imirongo miremire ikunze kugaragara mu kwezi kwa Nyakanga na Kanama; ndetse no kuba, mu gihe baba barakererewe kwishyura umusanzu, bategereza iminsi 30 mbere yo kwivuza.

### Icyitonderwa:

Kongerwa agaciro k'amakarita y'abanyamuryango ba *Mituweli* bo mu *cyiciro cya mbere cy'ubudehe* bizarangira tariki ya 31 Gicurasi 2017.

Kigali, kuwa 30.03.2017

  
GATERA Jonathan  
Umuyobozi Mukuru

